REPUBULIKA Y'U RWANDA

SERIVISI ZA MINISITIRI W'INTEBE

Ijambo rya Minisitiri w'Intebe,

Nyakubahwa Dr. Edouard Ngirente,

Mu muhango wo gusoza Icyumweru cyo kurwanya ruswa

Kigali, Marriott Hotel ku wa 08/12/2017

- **Ba Nyakubahwa ba Minisitiri,**
- **Nyakubahwa Muvunyi Mukuru,**
- **Bayobozi Bakuru muhagarariye Inzego zitandukanye muri hano,**
- **Batumirwa bahire,**

Mwaramutse neza mwese?

1. Mu izina rya Guverinoma y'u Rwanda, nejejwe no kwifatanya namwe muri uyu muhango wo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya Ruswa Isi yose yizihiza buri mwaka tariki ya 9/12.

2. Kwizihiza uyu munsi bifasha abatuye Isi kongera gusuzumira hamwe aho bageze bashyira mu bikorwa ingamba zo guhangana na ruswa nk'imungu y'iterambere rirambye kandi igaragara mu bihugu byose, byaba ibikize cyangwa ibikennye.

3. Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye Rishinzwe Iterambere rigaragaza ko mu bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere ruswa yiharira amafaranga akubye inshuro nibura 10, y'ingengo y'imari iba yateganyirijwe ibikorwa by'iterambere.

4. Ibipimo bitandukanye bigaragaza ko u Rwanda ruza imbere mu bihugu byahagurukiye kurwanya ruswa. Urugero ni icyegeranyo cyakozwe na "East African Bribery Index" cyo mu 2017 cyashyize u Rwanda ku mwanya wa gatatu mu bihugu byo mu majyepfo y'Ubutayu bwa Sahara bishyira imbaraga nyinshi mu kurwanya ruswa. Ibi tubikesha ubushake bwa politike buranga ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyacu ndetse n'ubufatanye bw'inzego zitandukanye tutibagiwe n'uruhare rw'abaturage.

5. N'ubwo twishimira ko tumaze gutera intambwe igaragara mu guhangana n'ikibazo cya ruswa, ntituragera aho dushaka. Hari zimwe mu nzego zikigaragaramo ruswa n'ubwo idakabije. Hari kandi umubare munini w'abaturage badafite ubushake bwo gutanga amakuru kuri ruswa.

6. *Rwanda Bribery Index*, icyegeranyo ngarukamwaka gikorwa na *Transparency International*, *Rwanda Chapter*, cyagaragaje ko muri 2016, abaturage bangana na 15.4% aribo bari bafite ubushake bwo gutanga amakuru kuri ruswa bavuye kuri 19.0% muri 2011. Ibi bigomba guhinduka. Abanyarwanda bose barakangurirwa gutanga amakuru y'abaka n'abatanga ruswa kugira ngo bahashywe kuko ari abanzi b'iterambere.

- **Banyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Batumirwa bahire,**

7. Guverinoma y'u Rwanda izakomeza kongera imbaraga mu gushyira mu bikorwa ingamba yashyizeho ngo ziyifashe guhangana na ruswa. Nk'uko bikubiye muri Gahunda ya Guverinoma 2017-2024, hazongerwa imbaraga mu gukumira no guhana ibyaha bya ruswa. Inama Ngishwanama zo Kurwanya Ruswa n'Akarengane ku rwego rw'Igihugu, Uturere, Imirenge n'Utugari zikwiye gushyira ingufu mu byo zikora nk'uko biteganywa n'amategeko, kugira ngo zibe koko umusingi wo guhangana na ruswa.

8. Urwego rw'Umuvunyi ruzongererwa imbaraga kugira ngo rurusheho gukurikirana no guhuza ibikorwa byo kurwanya no gukumira ruswa mu Nzego zose za Leta.

9. Mu rwego kandi rwo guhashya ruswa n'ibyaha byo kunyereza umutungo w'Igihugu, Guverinoma irateganya kubigira ibyaha bidasaza ku buryo umuntu wese uzaba akekwaho ibi byaha bitazamworohera gucika ubutabera. Guverinoma irateganya kandi kongerera imbaraga amashami yihariye ashinzwe kurwanya ruswa no Bugenzajyaha no mu Bushinjacyaha, no kubungabunga umutekano w'abatanga amakuru ku byaha bitandukanye harimo by'umwihariko ibya ruswa n'ibyaha bifitanye isano nayo.

10. Kugira ngo ingamba zose zo kurwanya ruswa zizagerweho birasaba ubufatanye bw'Abanyarwanda twese. Ibi binajyanye n'insanganyamatsiko u Rwanda rwahariye ibikorwa byo kwitegura Umunsi Mpuzamahanga wo Kurwanya Ruswa muri uyu mwaka wa 2017 igira iti: "**Uruhare rwawe ni ingenzi mu kurandura ruswa**". Kurwanya ruswa ni inshingano ya buri wese.

11. By'umwihariko urubyiruko rwo mizero y'u Rwanda, rurakangurirwa gufata iya mbere mu bikorwa byose bigamije guhashya ruswa nk'uko rwabyiyemeje mu mihigo yabo bahize uyu munsi kandi twanashimye.

- **Banyacyubahiro mwese muri hano,**
- **Batumirwa bahire,**

12. Mbere yo gusoza iri jambo, ndagira ngo nshimire Inzego zose zifite mu nshingano zazo gukumira, kurwanya, kugenza no guhana ibikorwa bya ruswa kubera ko zikora ibishoboka mu kuzuza ishingano zazo n'ubwo urugendo rukiri rurerure. Guverinoma irazisaba kongera imbaraga kugira ngo zirusheho gutahura amayeri akoreshwa n'abaka ruswa.

13. Ndashima by'umwihariko, Urwego rw'Umuvunyi kubera imikorere myiza iruranga. Ndanarushimira ko rwo n'Abafatanyabikorwa barwo bateguye neza uyu muhango n'ibikorwa byose byakozwe mu cyumweru cyahariwe kurwanya ruswa. Ndanasezeranya Umuvunyi Mukuru ko ubutumwa bw'ishimwe yansabye kumugereza kuri Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, kubera uruhare rwe mu gufasha Urwego rw'Umuvunyi kuzuza neza inshingano zarwo nzabumusohoreza.

14. Nshimiye kandi Amashyirahamwe yo kurwanya ruswa n'Uturere bahembwe kubera ko bahize abandi mu marushanwa yo kurwanya ruswa yateguwe n'Urwego rw'Umuvunyi muri uyu mwaka wa 2017. Nejejwe rero no gutangaza ko nshoje ku mugaragaro Icyumweru cyo Kurwanya Ruswa muri uyu mwaka wa 2017, ariko kandi urugamba rwo kurwanya ruswa rwo rurakomeje.

Murakoze, mugire Amahoro y'Imana.